STANDARD RESPONSE PROTOCOL

AMAKURU AGENEWE ABABYEYI N'ABAREZI

Ishuri ryacu ryashyize mu bikorwa uburyo bwemewe bw'Icyo Umuntu Yakora mu Bihe by'Akaga (SRP) bwashyizweho n'Umuryango “I Love U Guys”. Abanyeshuri n'abakozi bazakora amahugurwa, bakore imyitozo, kandi basobanukirwe neza amabwiriza.

URURIMU RUHURIWEHO

Icyo Umuntu Yakora mu Bihe by'Akaga (SRP) gishingira ku buryo bw'ibyago byose bitandukanye n'ibishobora kuba ku muntu. Kimwe na Sisitemu yo Kuyobora Icyago Kibaye (ICS), SRP ikoresha ururimi ruhuriweho rwumvikana ariko bikaba byahinduka igihe bibaye ngombwa.

Igitekerezo kiroroshye - hari ibikorwa bitanu byihariye bishobora gukorwa mu gihe cy'akaga. Mu gihe utanga amabwiriza kuri ibi, igikorwa kigaragazwa na "Ijambo Rikoreshwa kuri icyo Gikorwa" maze rigakurikirwa na "Ibwiriza" Gushyira mu bikorwa icyo gikorwa bikorwa n'abahari mu gihe bibaye, barimo abanyeshuri, abakozi, abarimu n'abitabiriye ibikorwa by'ubutabazi bwa mbere. SRP ishingiye ku bikorwa bikurikira: Guma hamwe, Reba ko Utekanye, Ikingirane, Hunga n'Ubwihisho

GUMA HAMWE

“Mu Ishuri Ryawe”

Abanyeshuri batozwa:

- Kuva mu birongozi bakaguma aho bari cyangwa mu cyumba kugeza hatangajwe ko “Byakemutse”
- Kora imirimo yawe nk'ibisanzwe

Abakuru n'abayobozi batozwa:

- Gukinga umuryango maze bagafunga urugi
- Kugenzura abanyeshuri n'abantu bakuze bahari
- Kora imirimo yawe nk'ibisanzwe

REBA NEZA KO UFITE UMUTEKANO

“Jyamo Imbere. Kinga inzugi zigana hanze”

Abanyeshuri batozwa:

- Kujya mu nzu
- Kora imirimo yawe nk'ibisanzwe

Abakuru n'abayobozi batozwa:

- Kwinjiza buri wese imbere mu nzu
- Gukinga inzugi zigana hanze
- Kurushaho kuba maso no gukurikiranira hafi ibirimo kuba
- Kugenzura abanyeshuri n'abantu bakuze bahari
- Kora imirimo yawe nk'ibisanzwe

KWIKINGIRANA

“Kinga, Uzimye Amatara, Wihishe”

Abanyeshuri batozwa:

- Kwihisha
- Guceceka
- Kudakingura urugi

Abakuru n'abayobozi batozwa:

- Gukura abanyeshuri mu kirongozi niba bishoboka
- Gukinga urugi rw'ishuri
- Kuzimya amatara
- Kwihisha
- Guceceka
- Kudakingura urugi
- Kwitegura guhunga cyangwa kwirwanaho

HUNGA

“Ujye ahantu”

Abanyeshuri batozwa:

- Gusiga ibintu iyo babisabwe
- Kuzana telefoni zabo niba bishoboka
- Gukurikiza amabwiriza

Abakuru n'abayobozi batozwa:

- Kuzana impapuro zo kureberaho abanyeshuri baje n'Agakapu karimo iby'Ibanze (keretse iyo usabwe kutagira ikintu ujyana, bitewe n'impamvu yatumye usohoka).
- Kujyana abanyeshuri ahantu ho Guhungira
- Kugenzura abanyeshuri n'abantu bakuze bahari
- Gutanga raporo y'ibikomere cyangwa ibibazo byabaye hakoreshejwe uburyo bw'Ikarita Itukura/Ikarita y'Icyatsi.

UBWIHISHO

“Gahunda yo Kugenzura Ibyago no Kwirinda”

Ibyago bishobora kuba birimo:

- Inkubi y'umuyaga
- Hazmat
- Umutingito
- Tsunami

Uburyo bwo Kwirinda bushobora kuba bukubiyemo:

- Guhunga ukajya ahantu hari ubwishisho
- Gukinga no gupfuka ahari imyenge hose mu cyuma
- Kunama, kwipfuka umutwe no kuguma aho uri
- Kujya ahantu hejuru

Abanyeshuri batozwa mu:

- Ibyago n'Uburyo bwo Kwirinda Bikwiriye

Abakuze n'abayobozi batozwa mu:

- Ibyago n'Uburyo bwo Kwirinda Bikwiriye
- Kumenya abanyeshuri n'abakuze bahari
- Gutanga raporo y'ibikomere cyangwa ibibazo byabaye hakoreshejwe uburyo bw'Ikarita Itukura/Ikarita y'Icyatsi.

STANDARD RESPONSE PROTOCOL

KUYOBORA ABABYEYI

Mu gihe hagize ikintu kiba babibona, ababyeyi bashobora kwibaza ku ruhare rwabo.

REBA NEZA KO UFITE UMUTEKANO

“Jyamo Imbere. Kinga inzugi zigana hanze”

Umutekano urebwa igihe hari ikintu giteje akaga hanze y'inyubako. Abanyeshuri n'abakozi bazanwa mu nyubako kandi inzugi zo hanze zigafungwa. Ishuri rishobora gushyira icyapa kigira kiti "Inzu ifite Umutekano" ku nzugi z'aho kwinjirira cyangwa ku madirishya yo hafi aho. Imbere, ibikorwa bizakomeza nk'uko bisanzwe.

ESE ABABYEYI BAGOMBYE KUZA KU ISHURI MU GIHE HACYIRIMO KUGENZURWA KO HARI UMUTEKANO

Oya. Hakorwa ibishoboka byose kugira ngo amasomo abe nk'ibisanzwe mu gihe cy'ibikorwa cyo kugenzura ko hari umutekano. Byongeye kandi, ababyeyi bashobora gusabwa kuguma hanze mu gihe cy'igikorwa cyo kugenzura ko hari Umutekano.

BYAGENDA BITE MU GIHE ABABYEYI BAKENEYE GUTWARA UMWANA WABO?

Bitewe n'imimerere, bishobora kuba bidakwiriye kurekura umunyeshuri. Uko ibintu bigenda bihinduka, ingamba zo gucunga Umutekano zishobora guhinduka hakabaho Kinjira mu Buryo Bugenzurwa na/cyangwa Kurekurwa mu Buryo Bugenzurwa.

ESE ABABYEYI BAZAMENYESHWA IGIHE ISHURI RIZABA RIRI MU BIHE BWO KUGENZURWA KO HARI UMUTEKANO?

Igihe igikorwa cyo Kugenzura ko Ahantu Hatekanye ari kigufi cyangwa akaga katarimo urugomo, nk'inyamaswa yo mu gasozi ku kibuga cy'imikino, ntibishobora kuba ngombwa kubwira ababyeyi mu gihe harimo Kugenzurwa ko Ahantu Hatekanye.

Mu gihe habaye ibintu bimara igihe kirekire cyangwa biteje akaga, ishuri rigomba kumenyesha ababyeyi ko ishuri ryongereye umutekano wabo.

KWIKINGIRANA

“Kinga, Uzimye Amatara, Wihishe”

Kwikingirana bibaho iyo imbere mu nzu hari ikintu giteje akaga. Abanyeshuri n'abakozi batozwa kwinjira cyangwa kuguma mu cyumba gishobora gufungwa, no guceceka.

Kwifungirana bikorwa gusa igihe habayeho igitera ubwoba gikomeye mu nyubako cyangwa hafi yayo.

ESE ABABYEYI BAGOMBYE KUZA KU ISHURI MU GIHE CY'IBIHE BYO KWIFUNGIRANA?

Ababyeyi bakunda kujya ku ishuri mu gihe cyo Kwikingirana. Ibyo birumvikana, ariko bishobora guteza ibibazo. Niba hari akaga kari mu nyubako imbere, inzego zishinzwe kubahiriza amategeko zizahagera. Birashoboka ko ababyeyi batazemererwa kwinjira muri iyo nyubako cyangwa se muri icyo kigo. Niba ababyeyi bamaze kugera ku ishuri, na bo bazahabwa amabwiriza ko bagomba Kwikingirana.

ESE ABABYEYI BAGOMBYE KOHEREREZA ABANA BABO UBUTUMWA BUGUFI KURI TELEFONI?

Ishuri rizi akamaro ko gushyikirana hagati y'ababyeyi n'abanyeshuri mu gihe cy'ibikorwa byo Kwingingirana. Ababyeyi bakwiye kumenya ko mu gihe cya mbere cyo Kwikingirana, bishobora kuba bidakwiriye ko abanyeshuri bandikira ababyeyi babo ubutumwa bugufi. Uko ikibazo kigenda gikemuka, abanyeshuri bashobora gusabwa kujya babwira ababyeyi babo amakuru mashya kuri buri kintu kibaye.

Rimwe na rimwe, abanyeshuri bashobora guhungishwa bakajyanwa hanze y'ikigo kugira ngo bongere guhura n'ababyeyi babo.

BIGENDA BITE KU MYITOZO ITATANGAJWE?

Ishuri rishobora gukora imyitozo itateganijwe, ariko ntirishishikarizwa cyane gukora imyitozo ritatangajwe ko ari imyitozo. Ibyo byitwa imyitozo itunguranye kandi bishobora gutera impungenge n'imihangayiko bitari ngombwa.

Ababyeyi bagombye kumenya ko buri gihe ishuri rizajya rimenyesha abanyeshuri ko ari imyitozo mu gihe cy'itangazo rya mbere.

Ni ngombwa gutandukanya imyitozo n'imyitozo ngororamubiri. Imyitozo igufasha kwitoza ikintu inshuro nyinshi kugeza "Cyoroshye kandi Gikorwa Bidasabye Kubitindaho". Nta gikorwa cyo kwigana ibidahari kiba kirimo; aba ari igikowa nyakuri. Imyitozo ngororamubiri iba igamije kwigana ikintu cyabayeho koko kugira ngo basuzume uko abantu n'ibikoresho bashobora kuyikoresha.

ESE ABABYEYI BASHOBORA GUKURIKIRANA CYANGWA KWITABIRA IYO MYITOZO?

Ishuri ryakira ababyeyi bifuza gukurikirana cyangwa kwitabira imyitozo.

© Copyright 2009-2023, All Rights Reserved. The “I Love U Guys” Foundation. Conifer, CO. The Standard Response Protocol and Logo are Trademarks of The “I Love U Guys” Foundation and may be registered in certain jurisdictions. This material may be duplicated for distribution per “SRP Terms of Use”. SRP-K12 2023 Parent Handout | V 5.0 | Revised: 05/01/2023 | http://iloveuguys.org

K12 2023 STANDARD RESPONSE PROTOCOL